CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
**Secrétariat Général**
**B.P. 357** Kigali / Rwanda
**Tél. :** (+250) 252 575 439
E-mail : eglisecatholiquerwanda@gmail.com

# ISENGESHO RYO GUSABA KO IMANA IDUKIZA ICYOREZO CYA KORONAVIRUSI

Mana ishobora byose Mubyeyi w'Impuhwe,
Wowe ugaragariza urukundo rwawe ibiremwa byose,
Gira impuhwe wumve amasengesho tugutuye
dusabira abantu bose bamaze kugirwaho ingaruka n'icyorezo
cya koronavirusi mu bice bitandukanye by'isi.

Tuje imbere yawe tugusaba kugira ngo udufashe guhagarika umuvuduko w'iki cyorezo,
Kugira ngo ukize abo bose bamaze kwandura,
Wakire mu Bwami bwawe abahitanywe nacyo
Kandi uhoze imiryango yabo

Turagusaba kandi kugira ngo hashobore kuboneka vuba umuti ukiza ubu burwayi,
Kugira ngo Abayobozi b'ibihugu n'abita ku buzima bw'abantu bashobre gufata ingamba ziboneye zirengera ubuzima bw'abantu.

Tubisabye ku bwa Yezu Kristu Umwami wacu. Amen.

+ Rukamba

✠ Filipo RUKAMBA,
Umwepiskopi wa Butare akaba na
Perezida w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda

CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
CEPR
B.P 357 Kigali
Rwanda
* PRESIDENT *